RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
**P.O. Box 84 Kigali**
**info@rwandafda.gov.rw**
**www.rwandafda.gov.rw**

**Kigali, kuwa 5 Kamena, 2020**
**Ref** N° : **DIS/CRC/ 010 /RwandaFDA/2020**

**Abacuruza inzoga (Bose)**
**Abadandaza inzoga (Bose)**
**Abaturarwanda (Bose)**

Bwana/Madamu

**Impamvu: Kwibutsa ihagarikwa ry'ikorwa, ikwirakwizwa, icuruzwa no kunywa inzoga bita K'BAMBA zikorwa na BIO-HAP LTD, Kagarama, Kicukiro.**

Hashingiwe ku itegeko N°: 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo ya 8 igika cya kabiri, ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubuziranenge ajyanye no gukora, kubika, kugurisha, gukwirakwiza, gukoresha, gutumiza no kohereza mu mahanga, ibirango, ibipfunyiko n'ibyibanze bikoreshwa mu gukora ibigengwa n'itegeko ryavuzwe hejuru birimo ibiribwa byakorewe mu nganda, imiti n'ibindi,

Hashingiwe kandi ku itangazo nimero 233/Rwanda FDA/2020 ryo ku wa 11/02/2020 ryo Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa inzoga bita K'BAMBA zikorwa na BIO-HAP LTD, Kagarama, Kicukiro,

Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) gihereye ku makuru y'ingaruka zagaragaye kubazinyoye ndetse no kuba inzoga zitwa K'BAMBA zitujuje ubuziranenge dushingiye kubipimo bya Laboratoire byakozwe; ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti kiributsa:

- **Abakora n'abacuruza izi nzoga,** ko uzafatwa azabihanirwa bikurikije amategeko
- **Abanywa izi nzoga**, ko zagiye zigira ingaruka zikomeye ku buzima bwa bamwe bazinyweye

- **Abaturarwanda muri rusange**, gutanga amakuru ku hagaragara abakora, abacuruza n'abanywa izi inzoga hagamijwe kurengera ubuzima bw'abantu.

| **AMAZINA Y'INZOGA** | **IZINA RY'URUGANDA** |
|---|---|
| K'BAMBA (Special Hydromel) 40% Vol,205 net content | BIO-HAP LTD Kagarama-Kicukiro |
| K'BAMBA (Senior Special Hydromel) 42% Vol, 750 ml | BIO-HAP LTD, Kagarama, Kicukiro |

**Icyitonderwa**: Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no kuduha amakuru bakoresha uburyo bukurikira:

- Guhamagara kuri Telephone : **07 89 19 35 29**;
- Kutwandikira kuri Tweeter: **@RwandaFDA**; cyangwa Facebook: **Rwanda Food and Drugs Authority**

Amafoto yerekana ishusho y'izi nzoga ari kuri paji ikurikira.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

**Dr. Charles KARANGWA**
**Ag. Director General**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

**AMSHUSHO Y'INZOGA YAKUWE KU ISOKO**

**-Ikinyobwa cyitwa K'BAMBA (Senior Special Hydromel) 42% Vol, 750 ml, ikindi cyitwa K'BAMBA (Special Hydromel) 40% Vol, 205 net content**

**Gikorwa na BIO-HAP LTD, Kagarama-Kicukiro**

FDA
Drugs Authority